# URUHONGORE
# 2011





**EGLISE EPISCOPALE AU RWANDA**
DIOCESE DE KIGALI
**B.P. 61 KIGALI – RWANDA**
**Tel: (250) 576340, Fax: (250) 573213**
E-mail:ek@terracom.rw

**CONSEIL PROTESTANT DU RWANDA (C.P.R)**
Tél. : (250) 585825 / 583553 / 583554
Fax : (250) 583554
E-mail : cpr@rwandatel1.rwanda1.com
B.P. 79 Kigali - RWANDA

Nimero yasohotse ubushize:

Uruhongore 2010
Amapage 60

Iracyahari ibarizwa kuri:
CPR, Mu Biro by'Uburezi (BNEP)
EER/ Paroisse Remera


# Amashakiro

**Amashakiro** **Page**


Iliburiro……………………………………………………….. 3
Gushimira………………………………………………………4
Ishuri ry'Icyumweru ry'abana mu itorero…………………….. 5
Mutarama ……………………………………………………...9
Gashyantare……………………………………………………16
Werurwe……………………………………………………….20
Mata……………………………………………………………24
Gicurasi………………………………………………………..27
Kamena………………………………………………………….33
Nyakanga……………………………………………………..38
Kanama…………………………………………………………44
Nzeli ……………………………………………………………49
Ukwakira……………………………………………………..53
Ugushyingo…………………………………………………..59
Ukuboza ……………………………………………………..62

# Iliburiro

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni zimwe mu nkingi ikomeye, ivugabutumwa mu matorero rigomba kwitaho by'umwihariko. Kugirango iryo vugabutumwa mu bana rikorwe neza, ni ngombwa ko dushyira imbaraga mu guhugura abarimu b'ishuri ry'icyumweru ry'abana, gushishikariza ababyeyi gutoza abana ubukristo no gutegura imfashanyigisho abarimu bakwifashisha. Ni muri urwo rwego Itorero rya Anglicane mu Rwanda, Diyoseze ya Kigali (EAR/DK), yafashe iya mbere mu kuvugurura uburyo yari isanzwe iteguramo izo nyigisho ngo abana barusheho kwitabwaho. Ifatanije n' Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR), bashyize ahabona agatabo kazafasha abarimu, 'Uruhongore 2010'. Kazabafasha kutajarajara mu gihe bategura inyigisho z'abana. Barimu, bavugabutumwa mu bana, umuhati wanyu si uw'ubusa ku mwami wacu Yesu! Imana ikomeza kubafasha mu murimo mwiza yabahamagariye wo kuragira bana b'inama za Yesu.




Umushumba Mukuru wa PEAR wa
Akaba n'Umushumba wa EAR/DK

Umunyamabanga Mukuru
CPR

Archbishop Emmanuel Kolini                                        Dr. Tharcisse Gatwa

# Gushimira

Turashimira Archibishop Emmanuel Kolini, uburyo yitangira ivugabutumwa mu bana, turashimira CPR kubw'inkunga yatanze kugirango iyi mfashanyigisho yandikwe, by'umwihariko, turashimira Umunyamabanga Mukuru wa CPR, kubw'ibitekerezo n' inama yatanze ngo izi nyigisho zitunganywe neza. Turashimira Gloria, Michel, Pastori Francois, Patricie, Prospere na Viviane ku nkunga y'ibitekerezo n'igihe batanze mu gutegura izi nyigisho.

Imana ibahe umugisha

**Abateguye inyigisho:**

Rev. Appoline Kabera
Rev. Claver
Marie Claude Uwineza
Immaculée Mukantabana

## Ishuri ry'icyumweru ry'abana mu itorero

### Kuki hakenewe ishuri ry'icyumweru ry'abana?

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni uruganda itorero ryari rikwiye guteguriramo abakristo. Birakwiye ko amatorero atekereza hakiri kare ku nyigisho z'abana kugira ngo bahabwe impamba izabafasha kuba abakristo, niho itorero rizagira icyizere cy'urubyiruko rukijijwe. Niba amatorero ashaka kwandika ibitazasibama mu mitima y'abakristo, igihe cyo kubikora cyiza ni mu ishuri ry'icyumweru ry'abana (Benoit 1993:11).

Itorero ntiryasimbura umuryango w'umwana, ariko inyigisho umwana ahabwa n'itorero zaziba icyuho, zikunganira umuryango nyarwanda mu kwita ku burere bw'umwana. Ni iki gituma amatorero adashyira imbaraga mu ishuri ry'icyumweru ry'abana kandi usanga bagize umubare munini w'abakristo baza gusenga? Ni uko badafatwa nk'abakristo b'abanyamumaro? Cyangwa ni umuco w'abanyarwada wo kudaha agaciro gakwiriye abana wakomeje no mu itorero? Cyangwa hari izindi ntege nke zihishe inyuma y'icyo kibazo cy'ingutu amatorero akwiye kwitaho, agakemura?

Ivugabutumwa mu bana aho riri mu matorero usanga rititabwaho uko bikwiye. Nta kenshi wasanga itorero ryatumije abana ngo baganire n'umuvugabutumwa w'umushyitsi. Nta mupasitori muri paruwase utegurira abana ngo abigishe. Nyamara hari ahandi mu matorero yasobanukkiwe akamaro ko gutegura abana bakiri bato mu nzira ya Kirisito, buri muntu witegura kuba umupasitori agomba kuba yarigishijwe kwigisha abana kandi yarabigaragarije ubushobozi. Ishuri ry'Icyumweru riba rimwe mu bice bikomeye by'iteraniro, pasitori abagezaho inyigisho yateguye mbere y'uko bajya gukomeza. Abigisha abana usanga badahabwa amahugurwa abafasha gukora uwo murimo neza. Inyigisho z'abana nubwo nazo zidategurwa, aho ziri usanga zidahinduka buri mwaka. Bazisubiramo kumara igihe kirekire, abana bagera aho bakazirambirwa. Ishuri ry'icyumweru ry'abana ryahindutse nka gereza barindirimo abana kugira ngo abakuru babone uko bakurikira inyigisho zabo. Gutegurira abana no kubigisha neza bibafasha kugira intumbero nziza kandi ihamye (Tieche 1966: 149)

Ese amatorero yakora iki kugira ngo yite ku ivugabutumwa mu bana ko ari ryo rufatiro rukomeye rw'itorero? Kunezererwa ko bafite abana benshi bitabira kuza mu rusengero ni imbaraga zikomeye itorero rifite. Twasnze rero ari ngombwa guhugura abarimu bigisha ishuri ry'icyumweru ry'abana, hagategurwa inyigisho zigendanye n'imyaka y'abana kandi ku buryo abana bazikunda. Izo nyigisho n'uko zitangwa nizo zizafasha mu kubaka urufatiro rukomeye rwo kwizera mu bana. Bityo Itorero rizagira urubyiruko rufite urufatiro rwubatse neza. Hari impamvu nyinshi zituma amatorero agomba kwita ku ishuri ry'icyumweru ry'abana. Si ukugira ngo abantu bakuru babone uko bakurikira inyigisho zabo abana batabasakuriza. Yesu ubwe yasigiye abigishwa be inshingano yo kwita ku bana b'intama ze (Yohana 21:15).

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ni umurimo itorero rikwiye gushyiramo imbaraga, kuko ari ryo ritegura abakozi beza. Burya, ni byiza kumenyereza abana inzira bakwiye kunyuramo bakiri bato ngo niba bishoboka bazarinde bayisaziramo. Ibanga ryo gukura no gukomera kw'itorero riri mu kwita ku ishuri ry'icyumweru ry'abana. Bakwiye guhabwa inyigisho zibafasha kwihana, gusenga, gukura no kwera imbuto zikwiriye abihannye, buzuye imbaraga z'Umwuka Wera. Izi ngingo ni zo zikubiye mu mfashanyigisho ***'Uruhongore 2011'***. Tuzajya tuzigarukaho buri mwaka.

Ishuri ry'icyumweru ry'abana ryiza rirangwa n'ibyiciro bitatu bishingiye ku nyigisho zikwiranye n'imyaka yabo. Mu byiciro byose higwa isomo rimwe ariko rigatangwa mu buryo butandukanye hakurikijwe ibyiciro. Mu cyiciro cya mbere (kuva ku myaka 3-5), Mwarimu yigisha abana Ijambo ry'Imana, yifashishije igice cyo muri Bibiliya yateguye. Akibabwira mu ncamake y' imirongo itarenze itanu, ikubiyemo amagambo y'ingenzi ashaka kwigisha abana. Iki cyiciro gisaba kugitegura by'umwihariko, kuko ibyo ubigisha bisaba ko uba washatse imfashanyigisho zizatuma babyumva neza.

Icyiciro cya kabiri (kuva ku myaka 6-9), ni abana baba biga icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Umwarimu ategurana ubwitonzi ibyo ari bubabwire kuko n'ubwo yabasomera, biramusaba gusoma imirongo mike. Ubundi incamake y'igice ashaka kwigishaho akaba ayizi neza akayibwira abana. Muri iki cyiciro na bo bakeneye imfashanyigisho zibafasha kumva neza isomo. Icyiciro cya gatatu (kuva ku myaka 10 kugeza kuri 12), ni abana bamaze gukura bamenyereye gusoma inkuru ndende.

Baba batangiye kumva ari abasore n'inkumi. Kubasomera no kuganira na bo ku nkuru yasomwe birababafasha kuko na bo bashobora kungura umwarimu ibitekerezo, baba batangiye gusobanukirwa neza ibyo basomye. Umwarimu agomba guha umwe mu bana igice kizasomwa akagitahana kugira ngo agitegure neza azagisomere abandi.

Nibura mu ishuri hagomba kubamo abarimu 2 buri cyumweru. Ibi bifasha abarimu bashya kumenyerezwa kuko ishuri ry'icyumweru ry'abana ritandukanye n'iry'abakuru mu myigishirize. Buri cyiciro cy'abana cyagombye kugira abarimu bagikurikirana kugira ngo bamenye neza uko abana bakura, ndetse n'abo gufashwa by'umwihariko. Ibi bizakomeza ubumwe hagati y'abana n'abarimu babo. Abarimu bagomba gutegura, kandi bakagira igihe cyo gusengera inyigisho bazatanga ku cyumweru mu bana, atari ugufata igitabo ngo babasomere gusa. Bagomba rero kuba na bo ari abakristo bihannye ibyaha kandi bahamagawe n'Imana gukora uwo murimo wo kwigisha abana. Gutegura amahugurwa y'abarimu ni ngombwa cyane kuko ni uburyo bwo kwisuzuma no kureba uko umurimo w'Imana ukorwa.

Gahunda y'ishuri ry'icyumweru ry'abana imara isaha imwe. Iba ikubiyemo indirimbo, gusenga, inyigisho, ubuhamya, imikino no gutura. Gutegura mbere aho abana bigira, bituma, iyo igihe cyo kwiga kigeze, umwarimu ahita atangira gahunda adataye igihe. Iyi mfashanyigisho yateguwe, izagira umumaro munini bitewe n'umwarimu kuko bimusaba igihe cyo gusenga, gusoma Bibiliya no gutegura. Nubwo imikino myinshi irimo ikosoye ku mpapuro z'umugereka, birasaba kubanza kuyisoma neza kuko imyinshi abana

b’icyiciro cya mbere ntibayishobora, ariko iyindi irimo gusiga amabara nabo bayikora. Ibi bizafasha umwarimu gutegura ibikoresho bikenewe ngo umukino ugende neza.

**MUTARAMA**

**Icyumweru cya mbere : 2 Mutarama 2011**

**Isomo:** Yesu mu bukwe bw’i Kana.**Yohana 2:1-11**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:
1. Ari byiza gutumira Yesu muri gahunda zacu.
2. Dukwiye kumenyesha Yesu ibibazo byose duhuye na byo.
3. Tugomba kumwumvira mu byo adutegetse byose.

**Incamake:** I Kana y’i Galilaya habaye ubukwe, Yesu, abigishwa be na Mariya nyina wa Yesu bari babutumiwemo. Divayi ishira ubukwe butararangira. Mariya yegera Yesu amubwira icyo kibazo; hanyuma abwira abahereza ngo icyo Yesu ababwira cyose bagikore. Yesu abategeka kuzuza ibibindi amazi, barangije ababwira kudaha bagashyira umukwe mukuru. Anyoye ku mazi bamuzaniye yumva ni divayi iryoshye kurusha izari zabanje aratangara!


**Umurongo wo gufata mu mutwe:** “Nyina abwira abahereza ati’ icyo ababwira cyose mugikore.”’**Yohana 2:5**

**Umukoro wo mu ishuri.**
Subiza ibibazo bikurikira:
1. Yesu yari yatumiwe mu bihe birori?
2. Ni ikihe kibazo cyahavutse?
3. Babyifashemo bate?
4. Yesu yategetse gukora iki?
5. Bamaze gukora ibyo yababwiye, ni iki kindi yababwiye gukora?
6. Habaye ikihe gitangaza?

**Umukoro wo mu rugo.**

a. Ereka uwo musore aho azanyura kugira ngo agere ku mugeni we.







**b.** Siga amabara aba bana bazaniye impano abageni.







**Icyumweru cya kabiri: 9 Mutarama 2011**

**Isomo**: Gukosora umukoro batahanye ubushize.
Abana barerekana inzira bavumbuye.
Berekane uko basize amabara ibishushanyo bahawe. Bamanike ibishushanyo byabo aho mwarimu yabateguriye maze barusheho kwitegereza ubwiza bwabyo.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize:**
Yesu mu bukwe bw'i Kana. **Yohana 2:1-11**

1. Ni byiza gutumira Yesu muri gahunda zacu.
2. Dukwiye kumenyesha Yesu ibibazo byose duhuye na byo.
3. Kumwumvira mu byo adutegetse byose.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe**: **Yohana 2:5**

**Icyumweru cya gatatu : 16 Mutarama 2011**

**Isomo:** Urukundo rwa Yesu ku munyabyaha.**Yohana 4:28-42.**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:


1. Yesu bamenye bakwiye kumumenyesha abandi.
2. Igihe bumvise ijambo ry'Imana bakwiye kuryumvira.

**Incamake:** Umusamariyakazi yasubiye mu mudugudu guhamagara abantu ngo baze barebe umubwiye ibyo yakoze byose**.** Bahageze bamwe muri bo bizera Yesu kubera ko bumvise ubuhamya bw'uwo mugore maze abandi benshi bizezwa n'ijambo Yesu abigishije.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Noneho si amagambo yawe yonyine aduteye kwizera, kuko natwe twiyumviye tukamenya ko uyu ari we Mukiza w'abari mu isi koko." **Yohana 4:42**.

**Umukoro wo mu ishuri:** Abana bafashijwe na mwarimu babwire bagenzi babo ibyo Yesu yabakoreye **(Ubuhamya)**

**Umukoro wo mu rugo:**
a. Erekana inzira Umusamariyakazi azanyura agiye mu mudugudu guhuruza abantu ngo baze kumva Yesu.



b. Shyira amabara muri ibi bishushanyo by'abantu bahurujwe n'Umusamariyakazi.





**Icyumweru cya kane : 23 Mutarama 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye.
Abana barerekana ibishushanyo basize amabara maze mwarimu abereke aho babimanika.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize**
Urukundo rwaYesu ku munyabyaha.**Yohana 4:28-42.**

1. Yesu bamenye bakwiye kumumenyesha abandi.
2. Igihe bumvise ijambo ry'Imana bakwiye kuryumvira.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yohana 4:42**.

**Icyumweru cya gatanu : 30 Mutarama 2011**

**Isomo:** Imana icungura ubwoko bwayo. **Kuva 12: 1-20**
**Intego*:*** Gusobanurira abana ko

1. Urukundo Imana ikunda abantu rwatumye ifata umugambi wo kubakura mu ngoyi n'uburetwa.
2. Nubwo Imana yafashe umugambi wo kubakura mu buretwa na bo bagombaga kumvira.

3. Ku bw' urukundo rwinshi Imana ikunda abantu ibamenyesha umugambi wayo.

**Incamake:** Imana yateguye inzira yo kuvana Abisirayeli mu buretwa bw'Abanyegiputa, ariko ibyo bikabasaba ko na bo bagomba kuyumvira kugira ngo ibone uko isohoza umugambi wayo. Imana yahaye amabwiriza Mose na Aroni y'uko bagomba kwitegura ibyo gucungurwa:

- Buri muryango wagombaga gutegura umwagazi w'intama cyangwa w'ihene umaze umwaka kandi udafite inenge (udahumye, udacumbagira utarakuze nabi...)
- Bakica uwo mwagazi nk'igitambo bagafata ku maraso bakayasiga ku nkomanizo z'imiryango y'inzu zabo.
- Nijoro inyama z'uwo mwagazi bakazotsa bakazirya zigashira.


Ayo maraso bari basize ku muryango, ni cyo cyari ikimenyetso cy'uko iyo nzu irimo Umwisirayeli, hanyuma umurimbuzi yahanyura kikamubera ikimenyetso cy'uko abo bantu bacunguwe, ko ibyago bitagomba kubageraho. Amaraso y'igitambo cy'intama ni yo yabarinze kandi bagombaga kumvira bagakora uko Imana yategetse Mose na Aroni. Iyo haboneka utumviye agasuzugura ayo mategeko, na we imfura ye yari kwicwa. Kandi iryo joro nk'uko yari yabivuze, Imana yarahanyuze mu gicuku, abana bose b'imfura b'Abanyegiputa baricwa ariko ab'Abisirayeli bararokoka.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Nuko mwiyezeho umusemburo wa kera kugira ngo mube irobe rishya, mube mutakirimo umusemburo wa kera koko, kuko Pasika yacu yatambwe, ari we Kristo."**1Abakor 5:7**

**Umukino wo mu ishuri:** Umwana arajya imbere y'abandi, abaganirire ku nkuru yo muri Bibiliya yahisemo bamubazeho ibibazo hanyuma mwarimu akurikire neza niba umwana atabivanga. Mbere yo gutangira arahamagara abana 3 ashaka bajye bamwibutsa aho yibagirwa.

**Umukoro wo mu rugo**:

a. Gusoma **Kuva 12:43-50** Ni gihe ki umunyamahanga n'umugurano bari bemerewe kurya ku bya Pasika?
b. Abagazi b'intama ni bo batambwaga kuri Pasika cyangwa ab'andi matungo, kandi bagombaga kuba badafite inenge. Rangiza gushushanya iyo ntama itarangiye hanyuma ushyire amabara muri izo zose urebe ukuntu ari nziza.






**GASHYANTARE**

**Icyumweru cya mbere :6 Gashyantare 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize
a. Gusomera hamwe **Kuva 12: 43-50** hanyuma abana bagaragaze igisubizo batanze ku kibazo batahanye.
b. Buri mwana arerekana igishushanyo cye yasizemo amabara; abana banezererwe ubwiza bw'ibyo bakoze.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Imana icungura ubwoko bwayo. **Kuva 12: 1-20**

1. Urukundo Imana ikunda abantu rwatumye ifata umugambi wo kubakura mu ngoyi n'uburetwa.
2. Nubwo Imana yafashe umugambi wo kubakura mu buretwa na bo bagombaga kumvira.
3. Ku bw'urukundo rwinshi Imana ikunda abantu ibamenyesha umugambi wayo.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: 1Abakor 5:7**

**Icyumweru cya kabiri : 13 Gashyantare 2011**

**Isomo:** Imana icungura ubwoko bwayo. **Kuva 12: 21-36**
**Intego*:*** Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Urukundo Imana ikunda abantu rwatumye ifata umugambi wo kubakura mu ngoyi n'uburetwa.
2. Nubwo Imana yafashe umugambi wo kubakura mu buretwa na bo bagombaga kumvira.
3. Ukuboko gukomeye kw'Imana ari ko kwatumye Farawo arekura Abisirayeli.
4. Kubera urukundo Imana ikunda abantu ibamenyesha umugambi wayo.

**Incamake:** Imana yateguye inzira yo kuvana Abisirayeli mu buretwa bw'Abanyegiputa, ariko ibyo bikabasaba ko na bo bagombaga kumvira Imana kugira ngo ibone uko isohoza umugambi wayo. Mose na Aroni bategeka Abisirayeli gukora ibyo Imana yari yabategetse ku bwo kwitegura Pasika. Pasika yo mu Isezerano rya Kera yibutsaga:

- Kwicwa kw'abana b'imfura b'Abanyegiputa. Ibi byabayeho kuko Farawo yari yarinangiye yanga kurekura Abisirayeli; yashakaga kubagumana mu buretwa, Imana yo yaramaze kugambirira kubacungura ikabavana mu buretwa.
- Kubaga umwagazi w'intama ngo abe igitambo, amaraso ye bayasige ku nkomanizo z'imiryango y'inzu, kugira ngo uza kwica imfura z'Abanyegiputa, ayo maraso amubere ikimenyetso cy'uko iyo nzu yamaze gucungurwa.
- Ko buri muryango wagombaga gusangira inyama z'icyo gitambo. Wari umunsi mukuru w'umuryango.

Mose na Aroni bamaze gukora byose uko babitegetswe, mu gicuku Uwiteka yarahanyuze nk'uko yari yabivuze, abana bose b'imfura b'Abanyegiputa barapfa ariko ab'Abisirayeli bararokoka.




**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi nk'ay'Umwana w'Intama utagira inenge cyangwa ibara, ni yo ya Kristo." **1Petero 1:19**

**Umukoro wo mu ishuri:** Subiza ibibazo bikurikira

1. Ni ikihe cyago cyateye mu Banyegiputa?
2. Byatewe n'iki ?
3. Farawo yahamagaye Mose na Aroni ababwira iki?

4. Abisirayeli bajya kugenda bajyanye iki ?
5. Kuki Abanyegiputa bahaye Abisirayeli imyenda n'izahabu byabo?
6. Ese Abisirayeli bavaga muri Egiputa bajya he?

**Umukoro wo mu rugo:** "Shyira amabara muri ibi bishushanyo. Bashushanyije inanasi imwe, wowe shushanya indi ya kabiri, mu kuzisigamo amabara uko ari ebyiri ugaragaze ko imwe ihiye indi idahiye."


**Icyumweru cya gatatu : 20 Gashyantare 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
Buri mwana yerekane inanasi yashushanije n'uburyo yasize amabara ibishushanyo byose mwarimu abereke aho babimanika kugira ngo barusheho kwitegereza ubwiza bw'ibyo bashushanije.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Imana icungura ubwoko bwayo. **Kuva 12: 21-36**

1. Urukundo Imana ikunda abantu rwatumye ifata umugambi wo kubakura mu ngoyi n'uburetwa.

2. Nubwo Imana yafashe umugambi wo kubakura mu buretwa na bo bagombaga kumvira.
3. Ukuboko gukomeye kw'Imana ni ko kwatumye Farawo arekura Abisirayeli.
4. Kubera urukundo Imana ikunda abantu ibamenyesha umugambi wayo.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe : 1Petero 1:19**

**Icyumweru cya kane : 27 Gashyantare 2011**

**Isomo:** Ifunguro rya Pasika. **Luka 22:7-23**
**Intego:** Gusobanurira abana ko:

1. Igaburo ryera rifite icyo risobanura.
2. Kujya ku igaburo ryera ari itegeko ry'Umwami wacu.
3. Uwemerewe kujya ku igaburo ryera hari ibyo agomba kuba yujuje (Biterwa n'itorero).


**Incamake:** Igihe cye cyo kubabazwa cyegereje, Yesu yicarana n'abigishwa be ngo basangire ifunguro rya Pasika y'Abayuda. Afata divayi, amaze kuyishimira ayiha abigishwa be ngo bose banyweho. Afata n'umugati amaze kuwushimira arawubagabanya. Ababwira ko iyo divayi ishushanya amaraso ye naho umugati ugashushanya umubiri we bigiye kubatangirwa. Kandi abategeka kuzajya bahora babikora kugira ngo bamwibuke. Natwe iyo tujya ku igaburo ryera tuba twumviye iryo tegeko rya Yesu.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Yenda umutsima arawushimira arawumanyagura arawubaha, arababwira ati' Uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe….'N'igikombe akigenza atyo bamaze kurya ati' iki gikombe ni isezerano rishya ryo mu maraso yanjye ava ku bwanyu."**Luka 22:19-20**


**Umukoro wo mu ishuri**
Subiza ibibazo bikurikira:

1. Kuki Yesu yabwiye abigishwa be ko ifunguro basangiye ari irya nyuma?
2. Iryo funguro ryari rigizwe n'iki?
3. Ibyo basangiye byashushanyaga iki?
4. Ni irihe tegeko yabahaye?
5. Mu itorero ryawe ujya ku igaburo ryera asabwa kuba yujuje ibiki?

**Umukoro wo mu rugo:**
a. Shushanya neza ako gakwavu ka kabiri maze twose udusige amabara.




c. Huza iyo mibare uravumbura icyo uwo mwana arimo ahuha.




**WERURWE**

**Icyumweru cya mbere : 6 Werurwe 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye.

a. Abana barerekana agakwavu bashushanije n'uburyo twombi badusize amabara.

b. Barerekana igishushanyo bavumbuye mu mibare bahuje.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize ubushize**
Ifunguro rya Pasika. **Luka 22:7-23**

1. Igaburo ryera rifite icyo risobanura.
2. Kujya ku igaburo ryera ni itegeko ry'Umwami wacu.
3. Uwemerewe kujya ku igaburo hari ibyo asabwa kuba yujuje ( Biterwa n'itorero).

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Luka 22:19-20**

**Icyumweru kabiri : 13 Werurwe 2011**

**Isomo:** Ifatwa rya Yesu. **Luka 22: 47-62**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Dukwiye kuba abigishwa ba Yesu b'indahemuka.
2. Tugomba gukunda abanzi bacu no mu gihe barimo batugirira nabi.
3. Igihe tumenye ko twakoze icyaha dukwiye kucyihana.

**Incamake:** Ubwo Yesu yari amaze gusengera mu gashyamba k'i Getsemane, igitero cy'abasirikare cyaje kumufata kiyobowe na Yuda umwigishwa we wari wiyemeje kumugambanira. Umwe mu bari kumwe na Yesu agerageza kumurwanirira atema ugutwi umugaragu w'umutambyi mukuru ariko Yesu aramubuza kandi ugutwi agusubizaho. Baramufata bamujyana mu nzu y'umutambyi mukuru kugira ngo bazamucire urubanza bukeye. Petero umwe mu bigishwa be yari ahari yicaranye n'abagaragu bota umuriro mu rugo. Bamubajije ko yari kumwe na Yesu abihakana inshuro eshatu. Yumvise inkoko ibitse yibuka ko Yesu yari yamubwiye ko ari bumwihakane gatatu inkoko itarabika, agira agahinda kenshi ararira cyane.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye.**Yesaya 53:4**

**Umukoro wo mu ishuri**
Muri iyi nkuru vuga:


–Ikintu kikubabaje.
– Ibintu 2 bigutangaje.
–Urugero rwiza wakurikiza.
–Urugero rubi wakwirinda.

**Umukoro wo mu rugo**
a. Soma **Luka 23:1-25** maze usubize ibibazo bikurikira:

1. Rondora ibirego bareze Yesu.
2. Vuga amazina y'abantu bavugwa muri iki gice baciriye Yesu urubanza.
3. Yahamwe n'ikihe cyaha?
4. Urubanza barurangije bate?

5. Baraba yari muntu ki? Byamugendekeye bite?

Kurikiranya neza izi nyuguti ugaragaze icyifuzo cy'abaregaga Yesu.
Zisige amabara.



**Icyumweru cya gatatu : 20 Gashyantare2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye.
a. Gusomera hamwe **Luka 23:1-25** bagasubiza ibibazo babajijwe.
b. Kwerekana ijambo bavumbuye mu nyuguti bahawe gukurikiranya no kwerekana uburyo bazisize amabara.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bizemu isomo ry'ubushize.**
Ifatwa rya Yesu. **Luka 22: 47-62**

1. Dukwiye kuba abigishwa ba Yesu b'indahemuka.
2. Tugomba gukunda abanzi bacu no mu gihe barimo batugirira nabi.
3. Igihe tumenye ko twakoze icyaha dukwiye kukihana.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yesaya 53:4**


**Icyumweru cya kane : 27 Werurwe 2011**

**Isomo:** Yesu ku musaraba. **Luka 23:33-43**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Umusaraba wabambwagaho ibivume (abakoze ibyaha bikomeye).
2. Yesu yabambwe ku musaraba atari ku bw'ibyaha yakoze ahubwo ni ku bw'ibyacu.
3. Uretse no kubambwa Yesu yagize imibabaro myinshi.

**Incamake:** Urubanza rurangiye, Yesu bamujyanye kumubamba ku musaraba i Nyabihanga. Yesu yari afite ububabare bwinshi abutewe n'ibikomere byari bimwuzuye ku mubiri, abasirikare n'abatware baramushinyagurira nyamara we abasabira ku Mana ngo ibababarire. Iburyo n'ibumoso bwe hari habambwe abagome. Uw'ibumoso atangira kumutuka nyamara uw'iburyo we, acyaha mugenzi we amwumvisha ko bo bazira ibibi bakoze ariko ko Yesu we arengana. Maze amusaba kuzamwibuka nagera muri Paradizo Yesu arabimwemerera.

**Umurongo wo gufata mu mutwe**: "Ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu. Igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha." **Yesaya 53:5**
**Umukoro wo mu ishuri**




1. Huza utwo tudomo.
2. Havuyemo iki?
3. Kirakwibutsa iki?

4. Subira mu kiganiro Yesu yagiranye n'abagome bari babambanywe na we. Vuga inyigisho ukuyemo.
5. Ni irihe zina rindi bitaga umusozi Yesu yabambweho?

**Umukoro wo mu rugo**
a. Soma **Luka 23:35-36** na **Mariko15:16-20** maze urondore uburyo Yesu yashinyaguriwe.

b. Ako kanyugunyugu karifuza kwitegereza neza uwo mukororombya kereke inzira kanyura kugira ngo kawugereho.



**MATA**

**Icyumweru cya mbere : 3 Mata 2011**
**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye
a. Abana barerekana igishushanyo babonye.

b. Barasubiza ibibazo babajijwe kuri icyo gishushanyo.
c. Barerekana inzira bavumbuye.
**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Ifatwa rya Yesu. **Luka 23:33-43**

1. Umusaraba wabambwagaho ibivume (abakoze ibyaha bikomeye).
2. Yesu yabambwe ku musaraba atari ku bw'ibyaha yakoze ahubwo ni ku bw'ibyaha byacu.
3. Uretse no kubambwa Yesu yagize imibabaro myinshi.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe:Yesaya 53:5**

**Icyumweru cya kabiri :10 Mata 2011**

**Isomo:** Urupfu rwa Yesu. **Luka23:44-56**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Urupfu rwa Yesu ntirwari urusanzwe: mbere yuko apfa habaye ibintu bidasanzwe.
2. Dukwiye kunamba kuri Yesu nubwo mu badukikije haboneka umubare munini w'abamurwanya.

**Incamake:** Mu gihe gupfa kwa Yesu kwari kwegereje, habaye ibitangaza: kwijima kw'izuba no gutabuka k'umwenda wakingirizaga ahera. Amaze kubitsa ubugingo bwe mu maboko y'Imana umwuka we urahera. Ibyo byose byatumye umutware w'abasirikare wari aho hafi amenya neza ko Yesu ari umukiranutsi koko! Yosefu Umunyarimataya, umwe mu bajyanama b'Abayuda wakiranukaga asaba Pilato umurambo wa Yesu arawushyingura.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Nuko umutware w'abasirikare abonye ibibaye ahimbaza Imana ati'Ni ukuri uyu yari umukiranutsi.' "**Luka23:47**

**Umukoro wo mu ishuri**
Abana basimburanwe kujya imbere y'abandi kuvuga ku rupfu rwa Yesu. Umwana ugiyeyo mwarimu aramubaza kimwe muri ibi bibazo bikurikira:

- Ni iki cyakubabaje muri iyi nkuru?
- Niki iki cyakunejeje ?
- Ni inde wabonyemo wakoze neza wakurikiza? Yakoze iki?

**Umukoro wo mu rugo**
Abagiye kubamba Yesu bakoraga imirimo itandukanye: abatambyi; abasirikari…
Itegereze abantu bakurikira ugende uvuga imirimo bakora. Ni uwuhe mu mirimo ikurikira uhisemo kuzakora?
Siga amabara ibyo bishushanyo.









**Icyumweru cya gatatu: 17 Mata 2011**
**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye.
Abana barerekana ibisubizo batanze ku bishushanyo bahawe n'uburyo babisize amabara.
**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Urupfu rwa Yesu. **Luka 23 : 44-56**

1. Urupfu rwa Yesu ntirwari urusanzwe: mbere yuko apfa habaye ibintu bidasanzwe.
2. Dukwiye kunamba kuri Yesu nubwo mu badukikije haboneka umubare munini w'abamurwanya.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Luka23:47**

**Icyumweru cya kane : 24 Mata 2011. Pasika**

**Isomo:** Izuka rya Yesu. **Luka 24:1-12 (Pasika)**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu ataheze mu gituro ahubwo yarazutse, ubu ni muzima
2. Kuzuka kwa Yesu ari yo Pasika yacu "Abakristo."

**Incamake:** Abagore bakundaga Yesu, bazindukiye ku gituro bajyanye imibavu yo gusiga umurambo we, bahageze bagwa mu kantu basanze imva irimo ubusa! Hanyuma abamarayika barabegera babamenyesha inkuru nziza yuko Yesu yazutse nk'uko yari yarabibabwiye atarapfa. Maze na bo bihuta bajya kubimenyesha intumwa ze.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Ariko marayika abwira abagore ati' Mwebweho mwitinya, kuko nzi yuko mushaka Yesu wabambwe. Ntari hano kuko yazutse nk'uko yavuze.' " **Matayo 28:5-7**


**Umukoro wo mu ishuri**
Subiza ibi bibazo bikurikira:


1. Abagore bari bagiye gukora iki ku gituro cya Yesu?
2. Kuki baguye mu kantu bahageze?
3. Ni bande bahababasanze?
4. Bababwiye ngo iki?
5. Inkuru bamenye bahise bajya kuyibwira ba nde ?
6. Kuki abo bayibwiye batahise bayemera ?

**Umukoro wo mu rugo**
a. Uzuza iyi mbonerahamwe:
Utambitse:

1. Izina ry'umwe mu bagore bazindukiye ku gituro
2. Uwo Dawidi yasimbuye ku ngoma.
3. Babaga iteka mu rusengero.
4. Iyo dukwiye gupfukamira twese.
5. Umwami wategetse ari umwana.

Uhagaritse
a. Ubwoko bw'Imana.
b. Umunsi wo gucungurwa.
c. Umwe mu miryango y'Abisirayeli utaragiraga gakondo.






b. Baguhaye umutwe, shushanyaho ibindi bice by'umubiri



**GICURASI**

**Icyumweru cya mbere : 1 Gicurasi 2011**
**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize
Mwarimu azenguruke areba uko abana bujuje imbonerahamwe batahanye; agende akosora abatarabikoze uko bikwiye.




Abana bazamure hejuru igishushanyo cy'umuntu bahawe arebe uko bujujeho ibindi bice. Uwarushije abandi bamukomere amashyi bamushima.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Izuka rya Yesu. **Luka 24:1-12**

1. Yesu ntiyaheze mu gituro ahubwo yarazutse.
2. Kuzuka kwa Yesu ni yo Pasika yacu "Abakristo.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Matayo 28:5-7**

**Icyumweru cya kabiri : 8 Gicurasi 2011**

**Isomo:** Yesu ni muzima. **Luka 24:13-35**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Yesu ari muzima.
2. Si byiza kwibagirwa amasezerano kuko asohora ntitubimenye ahubwo tugakomeza kuyategereza.
3. Inkuru yuko Yesu ari muzima twe kuyihererana, tuyimenyeshe n'abandi.


**Incamake:** Inkuru yo kuzuka kwa Yesu yakomeje kubera urujijo abigishwa be nyamara yari yarabibahishuriye mbere yo gupfa ndetse n'abahanuzi bari barabihanuye kera. Ibyo biragaragarira kuri bamwe mu bigishwa be bajyaga Emawusi. Bari buzuye umubabaro batewe n' urupfu rw'Umwigisha wabo Yesu. Kuko batemeraga inkuru babwiwe n'abagore, Yesu yarabegereye baragendana ntibamumenya. Ariko mu gihe yashimiraga umugati, akawumanyagura ngo basangire ni bwo bamenye ko ari we. Nubwo yahise atandukana na bo, kumenya ko ari muzima byabateye umunezero maze bajya kubihamiriza abandi bigishwa.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Ni ukuri Umwami Yesu yazutse, ndetse yabonekeye Simoni." **Luka 24:34**


**Umukoro wo mu ishuri:** Gukina inkuru bamaze kwiga.

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Erekana inzira abigishwa banyura bajya Emawusi.



b. Siga amabara uwo mudugudu urusheho kubona ubwiza bwawo.



**Icyumweru cya gatatu : 15 Gicurasi 2011**

**N.B** Bamaze gukosora umukoro batahanye, baratangira isomo rishya.
**Isomo:** Uwiteka ni Umwungeri wanjye. **Zaburi 23:1-6**
**Intego:** Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Uwiteka atugenera ibyiza bidukwiriye.
2. Afite imbaraga zo kuturinda mu makuba ducamo.
3. Kubera ibyiza Uwiteka atugirira, duharanire kugumana na we iminsi yose.

**Incamake:** Iyi Zaburi yahimbwe na Dawidi. Aravuga ko Uwiteka ari umurinzi we kandi ko mu bikomeye anyuramo adatinya kuko ari kumwe na we. Amaze kurondora ibyiza byose Uwiteka amukorera yiyemeje kugumana na we iminsi yose. Natwe Dawidi atubere urugero rwiza.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu sinzatinya ikibi cyose kuko ndi kumwe nawe." **Zaburi 23:4**

**Umukoro wo mu ishuri:**
Subiza ibibazo bikurikira:


1. Vuga izina ry'umuhimbyi wa Zaburi ya 23.
2. Rondora ibintu byose avuga Uwiteka amukorera.
3. Kuki avuga ko nta bwoba azagira nanyura mu makuba?
4. Ni uwuhe mugambi yafashe amaze kubona ibyiza Uwiteka amugirira?
5. Ese wowe hari ibyiza Uwiteka ajya kugirira? Niba bihari vugamo bitatu.
6. Umaze kubirondora garagaza umugambi ufashe.

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Reba uburyo utu dusimba twishimye! Ese wowe ntukwiye kurushaho kwishima no gushimira Uwiteka kubera ibyiza akugirira buri munsi? Siga amabara utwo dusimba, ubwiza bwatwo burusheho kugaragara.







b. Fata mu mutwe Zaburi ya 23.

**Icyumweru cya kane : 22 Gicurasi 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana barerekana ibishushanyo byabo basize amabara. Mwarimu abereke aho babimanika barusheho kubyitegereza maze banezererwe ubwiza bwabyo.
b. Abana baragenda basimburanwa kuvuga mu mutwe Zaburi ya 23. Uyivuze neza adategwa arahembwa.Urugero: abandi bana bashobora kumukomera amashyi.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Uwiteka ni Umwungeri wanjye. **Zaburi 23:1-6**

1. Uwiteka atugenera ibyiza bidukwiriye.
2. Afite imbaraga zo kuturinda mu makuba ducamo.
3. Kubera ibyiza Uwiteka atugirira, duharanire kugumana na we iminsi yose.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Zaburi 23:4**

**Icyumweru cya gatanu : 29 Gicurasi 2011**

**Isomo:** Iyerekwa rya Petero. **Ibyakozwe 10: 9-23**
**Intego*:*** Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Imana yishakira inzira kugira ngo ibyo yavuze bisohore.
2. Imana yagendereye Petero mu iyerekwa, imutegura kujya kwa Koruneliyo.
3. Imana yamaze impungenge Petero kugira ngo amenye neza ko ari yo imutumye kwa Koruneliyo.

**Incamake:** Ku Bayuda, gusangira n'abanyamahanga ntibyari byemewe kuko babanenaga. Ni yo mpamvu Imana imaze kwemerera Koruneliyo gutuma kuri Petero, na

we yamwiyeretse: Petero agisenga yarashonje, arota ijuru rikinguka, Imana imubwira kurya ibikoko ubundi byaziraga mu muco wabo, kuko yari ifite icyo ishaka kumwigisha. Petero avuze ko bihumanye Imana yamubwiye ko yabihumanuye. Nuko Petero akibaza ibimubayeho, intumwa zo kwa Koruneliyo ziba zirakomanze arakingura, zimaze kumubwira ikizigenza, arazicumbikira, bukeye barajyana.

**Umurongo wo gufata mu mutwe**: "Ibyo Imana ihumanuye wibyita ibizira". **Ibyakozwe 10:15**

**Umukoro wo mu ishuri:** Gusoma **Ibyakozwe 10: 23-48**

- Gerageza kuvuga mu magambo make ibyo wasomye ubibwira abandi bana.
- Ni iki cyagufashije muri iki gice wasomye?
- Ni iki cyagutangaje?

**Ibibazo:**


1. Ni iki wavumbuye Imana Data yasezeranyije abantu bose bayikurikira?
2. Vuga muri make uko intumwa zabatijwe mu Mwuka Wera.
3. Vuga muri make ubuzima bwa Petero amaze guhabwa imbaraga z'Umwuka Wera kuri Pentekote.
4. Ni iki Umwuka Wera akorera mu buzima bwawe no mu Itorero?
5. Nyuma yo kwiga **Ibyakozwe 2: 14-40**, ni gute Umwuka Wera akuyobora kumenya umugambi w'Imana ku buzima bwawe?
6. Vuga ibintu bibiri ugomba gufatamo icyemezo gikwiye ufashijwe no gusenga.
7. Ni ikihe cyemezo wafashe nyuma yo gusoma no kwiga **Ibyakozwe 2: 38-41?**



**Umukoro wo mu rugo:** a. Tondekanya utu dutafari urakuramo umurongo usobanura ibya Yesu

ajya | azaza | ubakuwemo | nk' | mu | atyo | uko

akazamurwa | mu | mumubonye | ijuru | Yesu | ijuru

b. Itegereze neza ibi bishushanyo ugerageze kuvumbura amazina yabyo uvuge n'akamaro kabyo ushyire amabara aho atari.

**KAMENA**

**Icyumweru cya mbere : 5 Kamena 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana barerekana interuro bavumbuye mu dutafari batondekanije.
b. Bararondora ibishushanyo bavumbuye bavuge n'akamaro ka buri gishushanyo.
c. Barerekana uburyo basize amabara ibitari bisize. Mwarimu abereke aho yateguye babihamanike.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Iyerekwa rya Petero. **Ibyakozwe 10: 9-23**

1. Imana yishakira inzira kugira ngo ibyo yavuze bisohore.
2. Imana yagendereye Petero mu iyerekwa, imutegura kujya kwa Koruneliyo.
3. Imana yamaze impungenge Petero kugira ngo amenye neza ko ari yo imutumye kwa Koruneliyo.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyakozwe 10:15**

**Icyumweru cya kabiri : 12 Kamena 2011 (Pantekositi)**

**Isomo:** Abanyamahanga buzura Umwuka Wera. **Ibyakozwe 10: 24- 48**
**Intego**: Gufasha abana kumenya ko:

1. Abanyamahanga bubaha Imana na bo bafite isezerano ryo guhabwa Umwuka Wera.
2. Petero yahamije Imana mu rugo rwa Koruneliyo avuga ubutumwa bwiza.
3. Umunyamahanga Koruneliyo n'abo mu rugo rwe bahawe Umwuka Wera.

**Incamake**: Imana yemeje Petero kujyana n'intumwa za Koruneliyo kuko yari igiye kumukoresha umurimo wo guhamya urupfu no kuzuka bya Yesu. Nyuma yo guhamya, abo mu rugo rwa Kuruneliyo barizeye bahabwa Umwuka Wera kuko Imana itarobanura ku butoni, na bo bavuga mu zindi ndimi. Abandi Bayuda bajyanye na Petero batangazwa n'uko abanyamahanga na bo bahawe Umwuka Wera.


**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Petero aterura amagambo ati: Ni ukuri menye yuko Imana itarobanura ku butoni, ahubwo mu mahanga yose uyubaha agakora ibyo gukiranuka iramwemera." **Ibyakozwe 10: 34 -35**
**Ibibazo ku isomo:**


1. Ni iki cyatumye Petero yemera kujyana n'intumwa zoherejwe na Koruneliyo?
2. Kuki mu iyerekwa Imana yabwiye Petero kurya ibyaziririzwaga n'Abayuda?
3. Ni iki cyatumye Imana ibatiza mu Mwuka Wera abumvise amagambo ya Petero kwa Koruneliyo?
4. Ni iyihe mpamvu abari bajyanye na Petero batangaye?
5. Kuki Petero we yavuze ko amenye ko Imana itarobanura ku butoni?

**Umukoro wo mu rugo:**

**a. Uzuza uyu musaraba mo amazina:**

1. Izina ry'uwashatse kwicisha Abayuda akaba ari we wicwa.
2. Igitabo cya 11 n'icya 12 mu isezerano rya kera
3. Umwana bagiye gutamba Imana ikamucungura
4. Irindi zina Imana yise Yakobo





b. Huza imibare uhereye kuri 1 hanyuma usige amabara mu gishushanyo uvumbuye



**Icyumweru cya gatatu : 19 Kamena 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana barerekana umusaraba bujujemo amagambo bahawe.

b. Buri mwana arazamura igishushanyo gisize amabara yavumbuye, mwarimu agende yitegereza buri gishushanyo ashima abakoze neza anakosora abagerageje.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Abanyamahanga buzura Umwuka Wera. **Ibyakozwe 10: 24- 48**

1. Abanyamahanga bubaha Imana na bo bafite isezerano ryo guhabwa Umwuka Wera.
2. Petero yahamije Imana mu rugo rwa Koruneliyo avuga ubutumwa bwiza.
3. Umunyamahanga Koruneliyo n'abo mu rugo rwe bahawe Umwuka Wera.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyakozwe 10: 34 -35**

**Icyumweru cya kane :26 Kamena 2011**

**Isomo:** Gukurikira Yesu. **Ibyakozwe 12:1-6**
**Intego**: Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Twizera Imana isubiza amasengesho yacu tugategereza igisubizo cyayo twihanganye.
3. Imigambi y'abantu idakuraho gahunda y'Imana.
4. Dukwiye kwizera Yesu n'igihe tugeze mu bikomeye.


**Incamake:** Umwami Herode yari yagambiriye kurenganya itorero ry'Imana, afunga kandi agatoteza abakiristo. Sitefano yari yaratewe amabuye arapfa; Yakobo baramwicishije inkota. Herodi abonye ko anejeje Abayuda, afata na Petero aramuboha, amushyira mu nzu y'imbohe. Ibi byabaye mu gihe bizihizaga umunsi mukuru wa Pasika. Petero mu nzu y'imbohe, bamurindishije abasirikare amatsinda ane, buri tsinda rigizwe n'abasirikare bane kuko batinyaga ko yatoroka kandi ibye barashakaga kubirangiza nyuma ya Pasika. Yari aboshye n'iminyururu kandi yararaga hagati y'abasirikare babiri.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Nuko Petero arindirwa mu nzu y'imbohe, ariko ab'itorero bagira umwete wo kumusabira ku Mana." **Ibyakozwe 12: 5**

**Umukoro wo mu ishuri:** Kubaza abana abo bazi bari mu kaga, nyuma yo kubarondora, mwarimu afatanye n'abana kubasengera.

**Umukoro wo mu rugo:**
a. Reba igishushanyo gikurikira kigizwe n'imitima itatu.
Soma **Yeremiya 17: 5-10**






1. Ese uratekereza ko ari nde utegeka umutima wa Herode, uwa Petero n'uwawe?
2. Bose bakeneye kumurikirwa n'umucyo uturuka mu ijuru.

b. Shyira amabara mu gishushanyo gikurikira.



**NYAKANGA**

**Icyumweru cya mbere : 3 Nyakanga 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Gusomera hamwe n'abana **Yeremiya 17: 5-10** no gusubiza ibibazo byatanzwe.

b. Abana berekane uko basize igishushanyo batahanye. Mwarimu abereke aho babimanika babyitegereze neza maze bahitemo uwasize neza kurusha abandi bamushime bamukomera amashyi.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.**
Gukurikira Yesu. **Ibyakozwe 12:1-6.**

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Twizera Imana isubiza amasengesho yacu tugategereza igisubizo cyayo twihanganye.
3. Imigambi y'abantu ntikuraho gahunda y'Imana.
4. Dukwiye kwizera Yesu n'igihe tugeze mu bikomeye.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Ibyakozwe 12: 5**

**Icyumweru cya kabiri : 10 Nyakanga 2011**

**Isomo:** Gukurikira Yesu. **Ibyakozwe 12: 7-11**
**Intego**: Gusobanurira abana ko:

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Dukwiye kwizera ko Imana isubiza amasengesho yacu maze tugategereza twihanganye.
3. Igihe cy'Imana iyo kigeze iradutabara.
4. Na bo bakwiye gusengerana.

**Incamake**: Nta kinanira Imana; kuri yo byose birashoboka. Mu gihe Petero yari asinziriye hagati y'abasirikare 2 kandi anaboshye, Marayika w'Uwiteka yaraje amusanga muri gereza, ahageze huzura umucyo. Maze anyeganyeza Petero aramukangura aramubwira ati "byuka ukenyere umukandara wawe ukomeze, ukwete inkweto, wambare ikote unkurikire." Ako kanya iminyururu yari imuboshye igwa hasi akurikira Marayika barasohoka. Banyuze ku barinzi bose nta kibazo; uko bageraga ku rugi rwarikinguraga bagahita. Bamaze kugera hanze, Marayika aramusiga arigendera na we arakomeza.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Imana ni yo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu, ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba." **Zaburi 46:2**


**Umukoro wo mu ishuri.**
Ibibazo ku isomo ryizwe:

**1.** Petero yanyeganyejwe na nde?
**2.** Marayika yakanguye Petero abasirikare bamurinze bagiye he?
**3.** Ni nde wakinguriye Petero ngo asohoke?
**4.** Ese Petero yasohokanye iminyururu yari imuboshye? Byagenze gute?

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Gukurikira Yesu ni ukwemera kuguma muri we, ugashora imizi, ukera imbuto. Soma **Abagalatiya 5: 22-23** hanyuma ushyire kuri kino giti imbuto usomyemo. Ugenzure neza umaze gusenga, imbuto ubona washyizeho kandi nawe ukaba

uzera, uzisige ibara uhisemo zitandukane n'izindi. Izo usanga utera wihane usabe Yesu agushoboze kuzera.





b. Sigamo amabara hanyuma ugerageze gutahuramo amazina y'ibyo Imana yaremye uyishime.















**Icyumweru cya gatatu : 17 Nyakanga 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Gusomera hamwe n’abana **Abagalatiya 5: 22-23** no kurondora imbuto z’Umwuka

basomyemo.
b. Buri mwana yifashishije igiti cye yereke abandi imbuto yera n'izo atera.
c. Buri mwana asengere uri ibumoso bwe amusabira kwera imbuto atera.
d. Abana barerekana uko basize ibishushanyo byabo amabara hanyuma barondore ibiriho.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.**
Gukurikira Yesu. **Ibyakozwe 12: 7-11**

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Dukwiye kwizera ko Imana isubiza amasengesho yacu maze tugategereza twihanganye.
3. Igihe cy'Imana iyo kigeze iradutabara.
4. Abana na bo bakwiye gusengerana.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Zaburi 46:2**

**Icyumweru cya kane : 24 Nyakanga 2011**

**Isomo:** Gukurikira Yesu. **Ibyakozwe 12: 12-19**


**Intego:** Gufasha abana gusobanukirwa ko :

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Dukwiye kwizera ko Imana isubiza amasengesho yacu tugategereza.
3. Dukwiye guhamya ibyo Imana yakoze mu mibereho yacu.

**Incamake:** Petero amaze gusohoka yagiye kwa Mariya nyina wa Yohana aho abantu benshi bari bateraniye basenga. Akomanze, Roda umwe muri bo aza gukingura, ntiyasobanukirwa kuko bari bazi ko afunze kandi ko aho afungiye nta buryo bwo gutoroka na buke bwari buhari. Bamaze kumukingurira, babona ari we koko barumirwa! Na we abatekerereza uko Imana yamukuye muri gereza baranezerwa. Abarinzi ba gereza aho bakangukiye, babuze Petero, bagwa mu kantu! Bagira ubwoba. Bamaze gushakisha Petero hose bamubuze, Herode arabica. Ubugingo bwacu Imana ibufiteho umugambi, nimuhumure.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Ku munsi w'amakuba yanjye no ku w'ibyago byanjye nzakwambaza, kuko uzansubiza." **Zaburi 86:7**

**Umukoro wo mu ishuri:** Reba ku gishushanyo gikurikira maze ushake inzira y'aho Petero yanyuze asohoka. Nuhabura uvuge mu magambo make uko byagenze ngo asohoke muri gereza aho yari afungiye.




**Umukoro wo mu rugo:**
a. Soma **Ibyakozwe 12: 1-19**; maze usubize ibibazo bikurikira

1. Rondora ibitangaza usanga muri iki gice.
2. Ni bande bavugwa muri iki gice barenganijwe bazira guhamya Yesu?
3. Vuga muri make uko bagiye barenganywa?
4. Ni nde wabarenganyaga?
5. Ni iyihe mpamvu ivugwa yatumaga abarenganya?
6. Petero afunze, itorero ryakoze iki?
7. None se wowe ugiye gukorera iki inshuti zawe ziri mu bibazo?

b. Satani adukangisha ibitandukanye ariko humura Yesu yaratsinze. Huza iyi mibare uhereye kuri 1 ugende uyikurikiranya. Igishushanyo ubonye ugisige amabara



**Icyumweru cya gatanu : 31 Nyakanga 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Gusomera hamwe n'abana **Ibyakozwe12:1-19** no gusubiza ibibazo babajijweho.
b. Abana baravuga icyo bavumbuye ku gishushanyo batahanye; berekane uko bagisize amabara hanyuma bakimanike aho mwarimu abereka.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Gukurikira Yesu. **Ibyakozwe 12: 12-19**

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese.
2. Dukwiye kwizera ko Imana isubiza amasengesho yacu tugategereza.
3. Dukwiye guhamya ibyo Imana yakoze mu mibereho yacu.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe ubushize: Zaburi 86:7**

**KANAMA**

**Icyumweru cya mbere : 7 Kanama 2011**

**Isomo:** Gusenga gukingura imiryango. **Esiteri 3:1-15; 4: 1-17; 5:1-8** Mwarimu asome ibi bice byose mu gihe ategura kugira ngo amenye neza uko byagenze hanyuma ahitemo imirongo mike azasomera bana, ibindi abibabwire mu ncamake.

**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Satani atajya yishimira abantu bashishikarira kumvira Imana.
2. Imigambi mibi Satani afatira ubwoko bw'Imana ayinyuza mu bantu.
3. Amarira no gutaka by'ubwoko bw'Imana ibyitaho.
4. Ibidashobokera abantu ku Mana birashoboka.

**Incamake:** Hamani, umutware mukuru w'u Bumedi n'u Buperesi, yiyemeje kurimbura Abayuda bari abanyagano muri icyo gihugu, abaziza ko umwe muri bo witwaga Moridekayi yanze kumupfukamira nk'abandi bagaragu bose babaga bari ku irembo ry'ibwami. Hamani abisaba Umwami Ahasuwerusi aramwemerera. Moridekayi abimenye atuma kuri Esiteri umwamikazi ngo abahakirwe ku mwami. Kuko bitari bimworoheye, mbere yo kubikora yiyemeza kumara iminsi itatu asenga kandi asaba Moridekayi n'abandi Bayuda b'i Shushani (umurwa mukuru w'u Bumedi n'u Buperesi) kubikora batyo. Nyuma y'ayo masengesho, Esiteri yagiye kubonana n'umwami amwakira vuba n'ubwo byari binyuranije n'itegeko umwami yari yarashyizeho.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira na we azabisohoza."**Zaburi 37:5**

**Umukoro wo mu ishuri:** Fora ndi nde?


1. Umwami arankunda cyane ndetse ni jyewe dusangira kenshi.
2. Sinshobora gupfukamira umuntu, mpfukamira Imana yanjye gusa.
3. Jye mbana n'umwamikazi nkamwumvira muri byose.
4. Twebwe na mabuja tumaze iminsi mu masengesho.
5. Ubutumwa bw'umwami bwatugezeho ko tugomba kwica Abayuda.
6. Abacu ntibakwiye kurimburwa ndebera, ngiye gukora uko nshoboye.
7. Ubu koko tugiye gushira tuzira kumvira itegeko ry'Imana yacu?
8. Ahari icyakwimitse ni ukugira ngo ugire umumaro mu gihe nk'iki.
9. Ndakomeye mfite icyubahiro kuko nigaruriye ibihugu byinshi.

**N.B: Izina rimwe rishobora gusubizwa ahantu harenze hamwe.**

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Soma **Esiteri 2.** Muri icyo gice haravugwamo abantu benshi hitamo amazina y'abantu 2 bakunejeje kurusha abandi uvuge n'impamvu.

c. Huza iyi mibare uhereye kuri 1, ubonye iki? Gisige amabara




**Icyumweru cya kabiri : 14 Kanama 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye.
a. Gusomera hamwe n’abana **Esiteri 2.** Buri mwana aravuga abantu yahisemo n’impamvu.
b. Buri mwana arerekana igishushanyo yavumbuye amaze guhuza imibare n’uburyo yagisizemo amabara.

**Kwibukiranya ibintu by’ingenzi abana bize mu isomo ry’ubushize.**
Gusenga gukingura imiryango. **Esiteri 3:1-15; 4: 1-17; 5:1-8**

1. Satani ntajya yishimira abantu bashishikarira kumvira Imana.
2. Imigambi mibi Satani afatira ubwoko bw’Imana ayinyuza mu bantu.
3. Amarira no gutaka by’ubwoko bw’Imana, Uwiteka abyitaho.
4. Ibidashobokera abantu ku Mana birashoboka.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe ubushize : Zaburi 37:5**

**Icyumweru cya gatatu : 21 Kanama 2011**

**Isomo:** Gusenga kuburizamo imigambi ya Satani. **Esiteri 8:1- 8**

Mwarimu yereke abana igishushanyo bacyitegereze hanyuma ababazeho utubazo tw'amatsiko tuza kugusha ku isomo. Nyuma y'isomo abana baze kugitahana bagisige amabara.



**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Gusenga gutuma Uwiteka aguhesha umugisha imbere y'abantu.
2. Nta kindi gihindura imigambi ya Satani uretse gusenga wizeye.
3. Badakwiye kumvira Satani kuko umwumviye agera mu kaga ntamurwanirire.

**Incamake:** Umwami na Hamani bagiye mu nkera Esiteri yari yabateguriye. Umwami yongera kubaza Esiteri icyo yifuza kugira ngo akimuhe. Esiteri yamusubije ko yifuza ko amurengera we n'ubwoko bwe bw'Abayuda ntibicwe n'umwanzi wabo Hamani.

Umwami amenye ko Hamani ashaka kubica kandi abarenganyije yaramurakariye ndetse aramutanga aricwa, Abayuda barakira.


**Umurongo wo gufata mu mutwe:** “Amakuba n’ibyago by’umukiranutsi ni byinshi ariko Uwiteka amukiza muri byose.” **Zaburi 34:20**

**Umukoro wo mu ishuri:** Subiza Yego cyangwa Oya.


1. Esiteri yabwiye umwami icyifuzo cye ku nshuro ya mbere y’inkera.
2. Icyo cyifuzo yakimenyesheje umwami bari bonyine.
3. Umwami amaze kumva umugambi wa Hamani ku Bayuda yarasohotse ajya mu murima.
4. Hamani yapfukamye imbere y’umwamikazi n’umwami ngo abasabe imbabazi.
5. Inkone y’umwami yajyanye Hamani apfutse igitambaro mu maso kandi aboshywe amaboko.
6. Hamani yamanitswe ku giti.

**Umukoro wo mu rugo**:

a. Siga amabara ibi ibishushanyo byombi.



b. Erekana inzira umwami na Hamani bazanyura kugira ngo bagere kwa Esiteri. Barinjirira ku nyuguti ya S basohokere ku nyuguti ya F.




**Icyumweru cya kane : 28 Kanama 2011**
**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana berekane uko basize ibishushanyo byabo amabara.
b. Mu matsinda ya bane bane, abana berekane inzira babonye umwami na Hamani bazanyuramo bajya kwa Esiteri. Mwarimu azenguruke akosora.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi abana bize mu isomo ry'ubushize.**
Gusenga kuburizamo imigambi ya Satani. **Esiteri 8:1- 8**

1. Gusenga gutuma Uwiteka aguhesha umugisha imbere y'abantu.
2. Nta kindi gihindura imigambi ya Satani uretse gusenga wizeye.
3. Ntidukwiye kumvira Satani kuko uwo akoresheje agera mu kaga ntamurwanirire.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Zaburi 34:20**

**NZERI**

**Icyumweru cya mbere : 4 Nzeri 2011**

**Isomo:** Salomo yubaka Inzu y'Uwiteka. **I Abami 5: 15-32.**
**Intego:** Gusobanurira abana ko:

1. Imana yishimira ko abantu bayubakira inzu nziza.
2. Guha agaciro amasezerano ababyeyi bacu bizera bagiranye n'Imana biduhesha umugisha.

Mwarimu yereke abana igishushanyo cy'inzu bacyitegereze ababaze utubazo tw'amatsiko twerekeza ku isomo riri bwigweho. Nyuma bagitahane mu rugo basige iriya nzu y'Uwiteka irangi.
Ibibazo mwarimu ashobora kubaza abana:

1. Iki gishushanyo murabona ari iki?
2. Ese iyi nzu yaba ikorerwamo iki?
3. Kubera iki?



**Incamake:**
Nyuma y'uko Imana yangira Dawidi kubaka urusengero, yemereye umuhungu we Salomo ko arwubaka imuha ubwenge n'ubutunzi bwo kubikora kandi imurinda ababisha. Salomo yasohoje umugambi wa se wo kubakira Uwiteka Imana inzu kandi na yo yarabyishimiye. Iyo turi muri gahunda y'Imana na yo iduha ibyangombwa byo kuyisohoza neza.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Ni ukuri kugiririrwa neza n'imbabazi bizanyomaho iminsi yose nkiriho, nanjye nzaba mu nzu y'Uwiteka iteka ryose". **Zaburi 23:6**


**Umukoro wo mu ishuri**

1. Salomo yari mwene nde?
2. Soma umurongo wa 18 maze uvuge icyamuteye umwete wo kubaka urusengero.
3. Ni inde muntu wafashije Salomo gusohoza uyu mugambi?

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Siga inzu y'Uwiteka irangi.

b. Huza imibare. Uvumbuye iki? Gisige amabara.



**Icyumweru cya kabiri : 11 Nzeri 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
Abana barerekana inzu y'Uwiteka n'icyo bavumbuye bamaze guhuza imibare byose bisize amabara.. Mwarimu abereke aho bamanika ibishushanyo byabo babyitegereze; bahitemo uwasize neza kurusha abandi bamukomere amashyi.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Salomo yubaka Inzu y'Uwiteka. **I Abami 5: 15-32.**
1. Imana yishimira ko abantu bayubakira inzu nziza.
2. Guha agaciro amasezerano ababyeyi bacu bizera bagiranye n'Imana biduhesha umugisha.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe ubushize: Zaburi 23:6**

**Icyumweru cya gatatu : 18 Nzeri 2011**

**Isomo:** Inzu y'Uwiteka. **2 Sam.7:1-17**.
**Intego:** Gusobanurira abana ko:
1. Uwiteka yishimira ko abantu bamwubakira inzu.
2. Uwiteka aha ubushobozi abiyemeje kumwubakira inzu.

**Incamake:** Nubwo tuzi yuko Imana iba hose ariko kandi inishimira kubona aho abantu bateraniye mu nzu yayo kugira ngo bayihimbaze. Kubaka inzu y'Uwiteka si ugupfa kubikora, umuntu agomba kuba amutunganiye. Nk'uko byagendekeye Dawidi, bigaragara ko Imana yishimira ko tuyubakira inzu ari rwo rusengero rwayo, ariko tugomba kubanza kwiyeza. Iyo bitabaye ibyo Uwiteka ntabyishimira. Muri iki gice, Imana yangiye Dawidi ko ayubakira urusengero ariko imuha isezerano ko umwana we Salomo ari we uzarwubaka.

**Umurongo wo gufata mu mutwe**: "Nuko uwo ni we uzubakira izina ryanjye inzu kandi nzakomeza intebe y'ubwami bwe iteka ryose." **2 Samweli 7: 13**

**Umukoro wo mu ishuri:**

Subiza ibibazo bikurikira:
1. Kuki Dawidi yashakaga kubakira Uwiteka inzu?
2. Ni nde yagishije inama?
3. Yamubwiye iki?
4. Ese Uwiteka we yashyigikiye igitekerezo cya Dawidi? Sobanura igisubizo cyawe.
5. Ni nde Uwiteka yavuze ko azamwubakira inzu?
6. Rondora imigisha yose iri muri iki gice Uwiteka yasezeranije Dawidi.

**Umukoro wo mu rugo**
a. Siga irangi ingoro y'Umwami Dawidi.
b. Gerageza gushushanya inzu nziza.



**Icyumweru cya kane : 25 Nzeri 2011**
**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.

a. Abana barerekana inzu ya Dawidi basize amabara.
b. Barerekana inzu bashushanije.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Inzu y'Uwiteka. **2 Sam.7:1-17**.

1. Uwiteka yishimira ko abantu bamwubakira inzu.
2. Uwiteka aha ubushobozi abiyemeje kumwubakira inzu.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: 2 Samweli 7: 13**

**UKWAKIRA**

**Icyumweru cya mbere : 2 Ukwakira 2011**

**Isomo:** Isengesho rya Salomo ku bw'inzu y'Uwiteka yuzuye. **I Abami 8: 22- 40.**
**Intego:** Gusobanurira abana:

1. Igitandukanya insengero n'izindi nyubako.
2. Kumenya agaciro k'urusengero.
3. Kubaha urusengero nk'ahantu duhurira ngo dusenge Imana na yo ikumva gusenga kwacu.

**Incamake**
Muri iki gice Salomo yari yaramaze kuzuza inzu y'Uwiteka. Arimo arasobanura uburyo iyi nzu izakoreshwa n'icyo abantu bazayiboneramo. Iyo nzu itandukanye n'izindi nyubako bari batuyemo, kuko umugisha w'Uwiteka ariho watagekewe kuba kandi Imana yari yabyemereye Salomo n'ubwoko bw'Abisirayeli. Nubwo n'izindi nyubako tuziboneramo umugisha, ariko urusengero rufite umwihariko warwo, tugomba kurwubaha cyane. Abantu bafite imirimo itandukanye bakorera mu rusengero na bo bagomba kwiyeza no guhuza umutima kugira ngo umurimo ukorwe neza kandi bahabwe umugisha.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

"Kugira ngo uhore ushyize amaso kuri iyi nzu ku manywa na nijoro, niho wavuze ko uzashyira izina ryawe, ngo ubone uko ujya wumva gusenga umugaragu wawe nzajya ngusenga nerekeye aha." **1 Abami 8:29**

**Umukoro wo mu ishuri.**

Rondora imyifatire aba bana bagaragaza iyo bari mu rusengero:


- Umwana witonda
- Umwana utagira ikinyabupfura
- Wowe


**Umukoro wo mu rugo:** Soma **1 Abami 8: 1-21**

1. Vuga ibintu 2 byagutangaje.
2. Vuga ibintu 2 byakunejeje.
3. Vuga ibyifuzo 3 ugiye gusengera.

Yobora uyu mugenzi inzira ajya gusenga inyura imbere mu tuyira tuzitanye







**Icyumweru cya kabiri : 9 Ukwakira 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana babiri babiri bajye hamwe bavugane ku byabatangaje, ku byabanejeje, bahane ibyifuzo maze mwarimu aze gutanga umwanya buri mwana asengere mugenzi we bari kumwe ku bw'ibyifuzo bahanye.
b. Abana barerekana inzira bavumbuye umugenzi azanyura ajya gusenga.
**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**

Isengesho rya Salomo ku bw'inzu y'Uwiteka yuzuye. **I Abami 8: 22- 40.**

1. Igitandukanya insengero n'izindi nyubako.
2. Kumenya agaciro k'urusengero.
3. Kubaha urusengero nk'ahantu duhurira ngo dusenge Imana na yo ikumva gusenga kwacu.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe:1 Abami 8:29**

**Icyumweru cya gatatu :16 Ukwakira 2011**

**Isomo:** Urusengero rw'Umwuka Wera**. 1Abakorinto 6:12-20**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Imibiri yacu ari ingingo za Kristo tudakwiye kuyikoresha ibyo twishakiye byose.
2. Imibiri yacu ari iy'igiciro kuko Umwuka Wera ayituyemo.
3. Dukwiye kwirinda gukora ibyaha kuko tuba twanduza izo nsengero.
4. Kwihana igihe tuguye mu cyaha kugira ngo dusukure urwo rusengero

**Incamake:** Pawulo yibutsaga Abakorinto ko imibiri yabo ari ingingo za Kristo kandi ko izo ngingo zidakwiye gukoreshwa ibibonetse byose, kabone n'ubwo baba babyemerewe. Tugomba kumenya ko imibiri yacu ari insengero z'Umwuka Wera, ntidukwiye rero kuyikoresha ibyaha cyane cyane icy'ubusambanyi kuko gikorerwa imbere mu mubiri kandi ugikoze aba abaye umubiri umwe n'uwo bagikoranye. Ahubwo dukwiye kureka imibiri yacu igahimbaza Imana. Kandi igihe duteshutse tukagwa mu cyaha, ni byiza kwiyeza kugira ngo tugumane ubumwe dufitanye na Kristo


**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana."**1 Abakorinto 6:19.**

**Umukoro wo mu ishuri :**

1. Ese muri iyi minsi urumva hari ikintu cyakwandurije urusengero ?
2. Birondore.
3. Maze ufate umwanzuro wo kurutunganya kugira ngo Imana ibone aho itura.
4. Hari ibyo se wumva ushaka kuganirira bagenzi bawe ngo ubabwire n'ingamba ufashe? (Aha niba hari umwana ubonetse, mwarimu amuhe akanya)

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Huza igice cy'umubiri n'umumaro wacyo.



- Gukunda Imana
- Gusoma Ijambo ry'Imana
- Gutekereza ku Ijambo ry'Imana
- Kumva Ijambo ry'Imana
- Gukora umurimo w'Imana

b. Shaka amagambo 7 ari muri iyi mbonerahamwe agaragaza ibigomba kuba mu nzu y'Umwuka Wera ariyo mitima yacu. Uravumbura wifashishije ibimenyetso byerekana inyuguti.

□ ◊ ♥ ☺ ♣ ♠ ☻ ☼ ♦ ⌂ ◙ ▲ ► ▼ ● ◘ Ω ♂
A B D E G H I K M N O R S U V W Y Z

| | | | | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ▼ | ▲ | ▼ | ☼ | ▼ | ⌂ | ♥ | ◙ | ♣ | ▼ | ☼ | ☻ | ▲ | □ | ⌂ | ▼ | ☼ | □ |
| ▼ | ☼ | ▼ | ▲ | ☻ | ▼ | ◊ | ▼ | ♣ | ◘ | □ | ⌂ | ☺ | ♂ | □ | | | |
| ☻ | ♦ | ◊ | □ | ◊ | □ | ♂ | ☻ | ☻ | ◊ | Ω | ☻ | ► | ♠ | ☻ | ♦ | ◙ | |
| ♣ | ▼ | ► | ☺ | ⌂ | ♣ | □ | | | | | | | | | | | |

**Icyumweru cya kane : 23 Ukwakira 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.

a. Abana barerekana uko bahuje buri gice cy'umubiri n'umumaro wacyo
b. Barerekana amagambo bavumbuye mu mbonerahamwe.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize:**
Urusengero rw'Umwuka Wera**. 1Abakorinto 6:12-20**

1. Imibiri yacu ari ingingo za Kristo tudakwiye kuyikoresha ibyo twishakiye byose.
2. Imibiri yacu ari iy'igiciro kuko Umwuka Wera ayituyemo.
3. Dukwiye kwirinda gukora ibyaha kuko tuba twanduza izo nsengero.
4. Kwihana igihe tuguye mu cyaha kugira ngo dusukure urwo rusengero

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: 1Abakorinto 6:19.**

**Icyumweru cya gatanu : 30 Ukwakira 2011**

**Isomo:** Yosuwa: Umuyobozi mushya w'Abisirayeli.**Yosuwa1:1-9**
**Intego**: Gufasha abana kumenya ko:

1. Uwo Uwiteka ahamagariye umurimo ntamusiga kandi ntamuhana.
2. Iyo Uwiteka aduhaye isezerano, tukarigumamo ararisohoza.
3. Mu gihe tunejeje Uwiteka na we aratunezeza.

**Incamake**: Nyuma ya Mose, Yosuwa yabaye umuyobozi mushya w'ubwoko bw'Abisirayeli. Ntibyari byoroshye gusimbura umuyobozi wari igihangange nka Mose. Yosuwa yigishijwe kuyobora Abisirayeli kuva bambuka Yorodani kugera mu gihugu cy'isezerano kandi Uwiteka yamusezeranije ko niyitondera amategeko ye azabana na we.

**Umurongo wo gufata mu mutwe**: "Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame ntutinye kandi ntukuke umutima kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose." **Yosuwa 1: 9**

**Umukoro wo mu ishuri:**
Uzuza umukino ukurikira ukoresheje amagambo yatanzwe, buri gakwego gahagarariye inyuguti imwe, ngaho dukine.

1. Yosuwa 5. Inzira
2. Uzanesha 6. Amategeko
3. Amenyesha 7. Uwiteka
4. Azakurinda


Uzuza ijambo rikwiriye ukurikije inyuguti iri mu kazu ku buryo bihura n'inyigisho iri muri Yosuwa 1:1-9 cyane cyane umurongo wa 9.

.

| | | |
|---|---|---|
| _ _ | S | _ _ _ |
| _ _ _ _ _ _ | H | _ |
| _ _ | I | _ _ _ _ |
| _ _ _ | K | _ _ _ _ _ _ |
| _ _ | A | _ _ _ _ _ _ _ |
| _ _ _ _ | M | _ _ _ _ |
| _ _ _ _ _ | A | |

**Umukoro wo mu rugo:**
a.Soma **Yosuwa 1:10-18** hanyuma wandike mu ncamake ibyo usomyemo nturenze imirongo itatu.

b. Nubwo hari ibikomeye mu rugendo rw’ubukiristo nk’ubukene, indwara, ubupfubyi n’ibindi nk’ibyo, Yesu araduhumuriza tugakomera, akatugaburira. Shyira amabara muri ibi bishushanyo. Ufate akanya ko gushima Imanyakuremye igufitiye umugambi.









**UGUSHYINGO**

**Icyumweru cya mbere : 6 Ugushyingo 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana baragenda bavuga mu ncamake igice cyo gusoma batahanye **Yosuwa 1:10-18.**
b. Abana barerekana ibishushanyo basize amabara, mwarimu agende yitegereza abasize neza kurusha abandi abajyane imbere babakomere mu mashyi babashima maze yereke abana bose aho bamanika ibishushanyo byabo. Hanyuma bafate akanya ko gushima Imana basenga ko yabaremye ifite umugambi.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Yosuwa: Umuyobozi mushya w'Abisirayeli.**Yosuwa1:1-9**

1. Uwo Uwiteka ahamagariye umurimo ntamusiga kandi ntamuhana.
2. Iyo Uwiteka aduhaye isezerano, tukarigumamo ararisohoza.
3. Mu gihe tunejeje Uwiteka na we aratunezeza.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yosuwa 1: 9**

**Icyumweru cya kabiri : 13 Ugushyingo 2011**

**Isomo:** Kumvira amategeko y'Uwiteka.**Yosuwa 3:1-17**.
**Intego:** Gufasha abana kumenya:

1. Igitangaza Uwiteka yakoreye Abisirayeli mu kwambuka Yorodani.
2. Iyo twiyejeje ni bwo Uwiteka adukorera ibitangaza.
3. Nitwumvira amategeko y' Uwiteka tuzagera mu gihugu cy'isezerano (mu ijuru)**.**

**Incamake:** Mu gitondo, Yosuwa n'Abisirayeli bahaguruka i Shitimu bagera ku ruzi rwa Yorodani. Mbere yo kwambuka hari amategeko bahawe: Yosuwa yabategetse kubanza kwiyeza; hanyuma abatambyi bahetse isanduku y'isezerano akaba ari bo babanza gukandagira mu mazi. Babikoze, amazi aritandukanya haboneka inzira, Abisirayeli bose barambuka. Abatambyi bagumye mu mazi kugeza igihe umuntu wa nyuma yamariye kwambuka.


**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Nimwemera mukumvira muzarya ibyiza byo mu gihugu, ariko nimwanga mukagoma inkota izabarya kuko akanwa k'Uwiteka ari ko kabivuze." **Yesaya1:19-20**

**Umukoro wo mu rugo:**

a. Mbere y'uko Abisirayeli bambuka Yorodani hari igikorwa bagombaga kubanza gukora. Gishake muri iyi mbonerahamwe ikurikira:

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| J | A | C | R | O | N | G |
| C | Y | I | D | O | T | A |
| V | B | N | G | E | T | E |
| F | E | T | R | W | J | D |
| K | W | I | Y | E | Z | A |
| A | I | M | K | E | F | Y |
| N | H | K | S | R | U | I |
| Y | E | Z | U | M | U | W |
| Z | V | A | H | E | P | I |
| G | U | H | E | T | I | O |

b. Huza iyi mibare uherereye kuri 1 hanyuma igishushanyo uvumbuyemo ugisige amabara



**Icyumweru cya gatatu :20 Ugushyingo 2011**
**N.B** Nyuma yo gukosora umukoro batahanye ubushize baratangira isomo rishya.

**Isomo:** Iremwa ry'ibintu n'umuntu. **Itangiriro 1:1-31.**


**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:
1. Uwiteka ni we waremye isi, ijuru, ibimera, inyamaswa ndetse n'umuntu.
2. Ibintu byose Uwiteka yabiremesheje ijambo keretse umuntu ni we yaremesheje intoki ze.
3. Umuntu afite agaciro gakomeye kuko yaremwe mu ishusho y'Imana.
4. Ibyo yaremye byose ni byiza.


**Incamake:** Mbere na mbere isi yariho ubusa; umwijima uri hejuru y'amazi.Umunsi wa mbere Imana yaremye umucyo, iwutandukanya n'umwijima; umunsi wa kabiri irema ijuru; umunsi wa gatatu itandukanya amazi n'ubutaka kandi kuri bwo itegeka ko hamera ibyatsi n'ibiti; umunsi wa kane Imana irema izuba n'ukwezi; ku munsi wa gatanu irema ibikoko byo mu mazi, inyoni n'ibisiga; umunsi wa gatandatu Imana irema inyamaswa hanyuma irema umuntu. Ibintu byose Imana yarategekaga bikabaho nyamara umuntu we yamuremesheje intoki zayo kandi imurema mu ishusho yayo.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Imana ireba ibyo yaremye byose n'uko byari byiza cyane."**Itangiriro 1:31.**
**Umukoro wo mu ishuri:**
Subiza Nibyo cyangwa Sibyo:
1. Mbere na mbere isi yari itwikiriwe n'amazi.
2. Amafi yaremwe ku munsi wa gatanu.
3. Imana yarategetse umuntu abaho.
4. Umunsi wa kane Imana yaremye izuba gusa.
5. Umucyo watandukanijwe n'umwijima ku munsi wa mbere.

**Umukoro wo mu rugo:**
a.Vuga izina rya buri kiremwa n'umunsi cyaremeweho hanyuma ubisige amabara.







**Icyumweru cya kane : 27 Ugushyingo 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.

Abana barerekana ibisubizo bujuje munsi y'ibishushanyo n'uko babisize amabara.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**

Iremwa ry'ibintu n'umuntu. **Itangiriro 1:1-31.**

1. Uwiteka ni we waremye isi, ijuru, ibimera, inyamaswa ndetse n'umuntu.
2. Ibintu byose Uwiteka yabiremesheje ijambo keretse umuntu ni we yaremesheje intoki ze.
3. Umuntu afite agaciro gakomeye kuko yaremwe mu ishusho y'Imana.
4. Ibyo yaremye byose ni byiza.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Itangiriro 1:31.**

**UKUBOZA 2011**

**Icyumweru cya mbere : 4 Ukuboza 2011**

**Isomo:** Inkomoko y'icyaha n'ingaruka zacyo. **Itangiriro 3:1-24**

**Intego:** Gufasha abana gusobanukirwa ko:

1. Kurenga ku itegeko ry'Imana ari icyaha.
2. Iyo umuntu akoze icyaha nta busabane yongera kugirana n'Imana.
3. Icyaha kizana guhanwa.
4. Icyaha cya Adamu na Eva natwe kitugiraho ingaruka.

**Incamake:** Eva yumviye inzoka arya ku mbuto z'igiti Imana yari yarababujije ahaho n'Adamu. Uwiteka ababajije impamvu z'ibyo bakoze, Adamu ashinja Eva ko ari we wazimuhaye, Eva na we abishinja inzoka. Ariko ibyo ntibyatumye Uwiteka atabahana: inzoka yahanishijwe kugenda ikurura inda no kujya irya umukungugu. Kandi Uwiteka ashyira urwango hagati yayo na Eva no hagati y'urubyaro rwayo n'urwe. Eva ahanishwa kuzajya abyara ababaye. Naho Adamu ahanishwa kuzajya abona ibimutunga abiruhiye no kuzasubira mu butaka (gupfa). Hanyuma banirukanwa muri Edeni.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "….Umunyabyaha abonye ishyano! Azagubwa nabi kuko azahabwa ibihembo by'ibyo yakoze. " **Yesaya 3:11.**


**Umukoro wo mu ishuri:**

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Vuga icyaha Adamu na Eva bakoze.
2. Bumvise Uwiteka aje bakoze iki? Kuki?
3. Rondora ibihano bya buri wese ndetse n'iby'inzoka.


**Umukoro wo mu rugo:**

a. Fasha iyo nyoni gutondeka neza izo nyuguti ku buryo ubonamo igisobanuro cy'izina rya Eva.




SE NYI FI W A TE GI NA U NGO BO BA BU

b. Huza neza iyo mibare uhereye kuri 1 uvuge icyouvumbuye.



**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye ubushize.
a. Abana barerekana interuro bavumbuye mu bimenyetso.
b. Baravuga icyo bavumbuye mu mibare bahuje.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**
Inkomoko y'icyaha n'ingaruka zacyo **Itangiriro 3:8-21**

1. Kurenga ku itegeko ry'Imana ni icyaha.
2. Iyo umuntu akoze icyaha nta busabane yongera kugirana n'Imana.
3. Icyaha kizana guhanwa.
4. Icyaha cya Adamu na Eva natwe kitugiraho ingaruka.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe: Yesaya 3:11.**

**Icyumweru cya kabiri : 11 Ukuboza 2011**

**Isomo:** Umugambi w'Imana wo kuducungura. **Yesaya 9:1-6**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Imana ifite umugambi wo gukura abantu bayo mu mwijima bakagendera mu mucyo.
2. Kuva mu mwijima gushyira umuntu mu mudendezo n'ibyishimo.
3. Uwo mugambi wayo yawusohoje yohereza Yesu Kristo ngo avukire mu isi ari we Mucyo w'ukuri.

**Incamake:** Umuntu, ku bwo gukora icyaha yikururiye umwijima ndetse n'urupfu; Imana ku bw'urukundo rwayo yateguye umugambi wo kumurokora, yohereza Yesu Kristo. Uwo mugambi w'Imana nusohora, abantu bazabimenya. Abagenderaga mu mwijima bazamurikirwa n'umucyo. Ibibi abantu bakoraga bazabireka bige gukora ibyiza. Iyo abantu bagendera mu mwijima bibabaza Imana. Urukundo n'imbabazi byayo ni byo byatumye ifata umugambi wo kubakura mu mwijima. Umwijima uzanwa mu mibereho yacu no kutakira umucyo Imana yoherereje abantu ari wo Yesu Kristo.

**Umurongo wo gufata mu mutwe**: "Abantu bagenderaga mu mwijima babonye umucyo mwinshi. Abari batuye mu gicucu cy'urupfu baviriwe n'umucyo" **Yesaya 9:1.**

**Umukoro wo mu ishuri:** Gusubiza ibibazo
Rondora ibintu biranga umuntu ugenda mu mwijima

**Umukoro wo mu rugo:**
a. Soma **Abagalatiya 5:19-21.**Reba imirimo iranga abagendera mu mwijima uyandukure.

c. Soma **Abagalatiya 5: 19-21,** hanyuma urondore ingeso za kamere bavugamo ufindure mu mbonerahamwe ingeso z'umwijima z'abatubaha Imana zivugwamo dukwiye kwirinda nk'abana bari mu mucyo wa Kristo.

| | | | | | | | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| K | A | A | B | B | N | M | K | L | G | J | K | I | F | D | S | G | E | A | M | E |
| M | W | P | O | I | U | T | R | M | N | K | N | J | H | G | S | J | D | H | D | D |
| G | D | I | E | S | U | I | W | C | V | O | R | G | F | S | E | N | A | D | R | W |
| U | K | A | R | A | B | C | B | C | S | D | E | F | G | H | I | J | K | L | M | N |
| S | J | M | N | E | H | D | S | I | X | M | K | H | B | S | C | Z | A | E | P | O |
| E | Y | P | L | G | M | Q | R | W | T | W | F | V | U | W | T | B | B | G | K | L |
| N | G | C | F | V | B | A | N | M | H | E | H | G | M | A | S | D | C | H | J | K |
| G | T | Y | H | N | Y | M | I | H | J | K | Y | U | U | A | Z | X | C | V | B | N |
| A | R | T | Y | H | I | A | L | B | K | J | H | E | R | S | Q | A | Z | V | N | M |
| T | Y | U | S | U | R | H | W | W | I | W | D | V | C | E | A | T | Y | U | I | J |
| H | F | I | S | W | R | A | T | Y | J | C | H | F | S | G | E | M | K | L | O | P |
| I | G | F | D | R | W | N | Q | W | V | B | E | H | O | W | S | X | B | E | D | B |
| B | B | V | C | D | W | E | E | R | A | E | F | R | V | F | G | H | J | A | G | Y |
| I | P | O | P | I | U | H | N | Y | M | G | U | Q | A | S | D | F | G | Y | N | X |
| S | Y | T | Y | U | B | U | N | J | H | K | W | S | D | R | T | Y | T | V | B | A |
| H | T | R | F | G | N | I | M | J | U | I | W | T | G | F | D | S | A | A | Z | X |
| U | J | K | U | K | J | H | G | B | C | S | W | A | T | T | R | N | F | G | H | J |
| S | T | R | Y | U | J | N | N | A | F | G | H | N | N | U | A | Y | H | J | A | S |
| H | N | B | M | G | Q | W | E | R | N | T | G | H | J | G | W | D | F | T | V | N |
| A | F | U | G | O | H | Y | Y | B | N | I | M | K | N | R | A | Q | A | D | F | V |
| N | B | D | E | M | R | T | Y | U | I | O | R | O | W | G | E | N | G | R | T | Y |
| Y | W | E | R | A | G | H | J | Y | T | Y | T | O | S | H | D | E | A | H | N | M |
| O | I | U | J | N | H | A | S | D | V | U | V | B | B | F | G | U | R | T | G | K |
| E | R | T | Y | W | J | K | L | F | G | G | H | J | K | I | E | Q | A | D | G | J |
| T | U | H | G | A | E | Q | W | E | T | R | S | D | F | G | B | A | K | L | P | O |
| Q | A | W | E | R | T | G | B | V | B | H | Y | T | R | G | B | I | E | E | T | Y |

c. Ririmba indirimbo ya 38 mu zo gushimisha Imana, uyisabe ikurondore, wihane.

**Icyumweru cya gatatu : 18 Ukuboza 2011**

**Isomo:** Gukosora umukoro batahanye

a. Gusomera hamwe **Abagalatiya 5:19-21.** Hanyuma abana barondore imirimo iranga abagendera mu mwijima babonye muri icyo gice.

b. Kurondora ingeso za kamere ziri mu **Abagalatiya 5:19-21.** Kuvumbura mu mbonerahamwe ingeso z'abatubaha Imana zivugwamo dukwiye kwirinda.

| | | | | | | | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| K | A | A | B | B | N | M | K | L | G | J | K | I | F | D | S | G | E | A | M | E |
| M | W | P | O | I | U | T | R | M | N | K | N | J | H | G | S | J | D | H | D | D |
| G | D | I | E | S | U | I | W | C | V | O | R | G | F | S | E | N | A | D | R | W |
| U | K | A | R | A | B | C | B | C | S | D | E | F | G | H | I | J | K | L | M | N |
| S | J | M | N | E | H | D | S | I | X | M | K | H | B | S | C | Z | A | E | P | O |
| E | Y | P | L | G | M | Q | R | W | T | W | F | V | U | W | T | B | B | G | K | L |
| N | G | C | F | V | B | A | N | M | H | E | H | G | M | A | S | D | C | H | J | K |
| G | T | Y | H | N | Y | M | I | H | J | K | Y | U | U | A | Z | X | C | V | B | N |
| A | R | T | Y | H | I | A | L | B | K | J | H | E | R | S | Q | A | Z | V | N | M |
| T | Y | U | S | U | R | H | W | W | I | W | D | V | C | E | A | T | Y | U | I | J |
| H | F | I | S | W | R | A | T | Y | J | C | H | F | S | G | E | M | K | L | O | P |
| I | G | F | D | R | W | N | Q | W | V | B | E | H | O | W | S | X | B | E | D | B |
| B | B | V | C | D | W | E | E | R | A | E | F | R | V | F | G | H | J | A | G | Y |
| I | P | O | P | I | U | H | N | Y | M | G | U | Q | A | S | D | F | G | Y | N | X |
| S | Y | T | Y | U | B | U | N | J | H | K | W | S | D | R | T | Y | T | V | B | A |
| H | T | R | F | G | N | I | M | J | U | I | W | T | G | F | D | S | A | A | Z | X |
| U | J | K | U | K | J | H | G | B | C | S | W | A | T | T | R | N | F | G | H | J |
| S | T | R | Y | U | J | N | N | A | F | G | H | N | N | U | A | Y | H | J | A | S |
| H | N | B | M | G | Q | W | E | R | N | T | G | H | J | G | W | D | F | T | V | N |
| A | F | U | G | O | H | Y | Y | B | N | I | M | K | N | R | A | Q | A | D | F | V |
| N | B | D | E | M | R | T | Y | U | I | O | R | O | W | G | E | N | G | R | T | Y |
| Y | W | E | R | A | G | H | J | Y | T | Y | T | O | S | H | D | E | A | H | N | M |
| O | I | U | J | N | H | A | S | D | V | U | V | B | B | F | G | U | R | T | G | K |
| E | R | T | Y | W | J | K | L | F | G | G | H | J | K | I | E | Q | A | D | G | J |
| O | U | H | G | A | E | Q | W | E | T | R | S | D | F | G | B | A | K | L | P | O |
| Q | A | W | E | R | T | G | B | V | B | H | Y | T | R | G | B | I | E | E | T | Y |

c. Kuririmbira hamwe indirimbo ya 38 mu zo gushimisha Imana buri wese atekereza ku ngeso ze hanyuma mwarimu abafashe gusenga bihana.

**Kwibukiranya ibintu by'ingenzi bize mu isomo ry'ubushize.**

Umugambi w'Imana wo kuducungura. **Yesaya 9:1-6**

1. Imana ifite umugambi wo gukura abantu bayo mu mwijima bakagendera mu mucyo.
2. Kuva mu mwijima gushyira umuntu mu mudendezo n'ibyishimo.

3. Uwo mugambi wayo yawusohoje yohereza Yesu Kristo ngo avukire mu isi ari we Mucyo w'ukuri.

**Kwibukiranya umurongo bafashe mu mutwe ubushize: Yesaya 3:11.**

**Icyumweru cya kane : 25 Ukuboza 2011 Noheli**

**Isomo:** Umugambi w'Imana wo kuducungura warasohoye. **Matayo 2:1-12**
**Intego:** Gufasha abana kumenya ko:

1. Umukiza Imana yari yarasezeranije yaraje.
2. Isezerano ry'Imana iyo irisohoje, biramenyekana.


**Incamake:** Umukiza yaje mu isi, bimenyeshwa aboroheje nk'abashumba; n'abakomeye nk'abanyabwenge, bose bajya kumuramya. Abandi nka Herodi bari bakiri mu mwijima batemeye kwinjira mu isezerano ry'Imana batangiye gucura imigambi mibi yo kumwica. Iyo umuntu agendera mu mwijima ntiyishimira ibyiza.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:** "Umwami w'Abayuda wavutse ari hehe ko twabonye inyenyeri ye turi iburasirazuba none tukaba tuje kumuramya?" **Matayo 2:2**

**Umukoro wo mu ishuri:**

a. Soma witonze iki gice urondore ibintu 3 byaranze abanyabwenge.
b. Soma witonze iki gice urebe ibintu 3 byaranze Herodi.

**Umukoro wo mu rugo:** Uzuza iyi mbonerahamwe ukurikije ibisobanuro byatanzwe hepfo.



**Utambitse:**


1. Abanyabwenge baturutse iburasirazuba bajya i ……….
2. Igitabo cya 15 muri Bibiliya. Ababwiwe ko Yesu yavutse bwa mbere na Malayika.


3. Ituro rya mbere batuye Yesu mu kiraro.
4. …… y’abakaludaya. Yesu yavukiye mu kiraro cy’………..
5. Izina rya Nyina wa Yesu.
6. Aho Yesu yavukiye
7. –
8. –
9. Yesu yavukiye mu gihugu cy’i------------
10. Umugabo wari warasabye Mariya
11. Yosefu yavuye i …………mu mudugudu w’i Nazareti.
12. Yesu yavutse ku ngoma y’umwami …………..

**Uhagaritse**

1. Ni nde Mucyo w’isi? Uwo Mucyo w’isi ni …………w’abami
2. Ituro rya gatatu batuye Yesu mu kiraro
3. Se wa Yosefu
4. Ituro rya kabiri batuye Yesu mu kiraro
5. Maraya uri mu gisekuruza cya Yesu, umwe wacumbikiye abatasi
6. Abantu babwiwe ko Yesu yavutse bakajya kumuramya baturutse i Burasirazuba
7. Betelehemu ho mu gihugu cya ------------
8. -
9. Uwo Imana yahamagaye kuyobora ubwoko bwayo buva muri Egiputa
10. Yesu ni …………umurikira amahanga
11. Ni nde wabwiye Mariya ko azabyara Umucunguzi?
12. Abantu Yosuwa yohereje kureba uko igihugu bajyamo kimeze bari …………
Dawidi yatangariye Imana abuze ukundi yayivuga, aravuga ngo ni….(Zaburi 68)
13. Yosefu ava i Galilaya mu mudugudu w’ i ……………….

Iki gishushanyo kibanza kirakwibutsa ko ubuzima ari urugendo. Buri munsi ugomba kwitegura kugendana na Yesu muri byose. Iki gikurikira kirakwibutsa ko uyu munsi ari Noheri. Gira Noheli nziza! Shyirira **“**Père Noël**”** iyo nyenyeri ku mutwe w’igiti dore we ni mugufi ntahashyikira hanyuma ibyo bishushanyo byose ubisig amabara.





**IBITABO BYIFASHISHIJWE MU GUTEGURA**


1. Bibiliya Yera 2001.
2. Child Evangelical Fellowship Ministry, brochures (1983).
3. Education Department/EER/DK, Igitabo cy'abarimu b'abana (brochures).
4. Education Department EER/DK, Brochure 2009.
5. La Bible dechiffree
6. La Bible pour enfants
7. Leon-Dufour, X et al. 1964. Vocabulaire de théologie Biblique. Paris: CERF
8. Lise de Benoit, C. 1993. L'Important, C'est L'Enfant. Lausanne: LLB
9. Living World Curriculum, 1987. A travers la Bible: Programme pour l'Ecole du Dimanche: Calfornia: Le Bon Livre.
10. Maillard, A. 1990. Dimanche et Fetes Chrtétiennes: Histoire des leurs Origines. Aubonne: Moulin
11. SANSSA Christian Ministry, brochures no 1
12. SANSSA Christian Ministry, brochures no 2
13. SANSSA Christian Ministry, brochures no 3
14. SANSSA Christian Ministry, brochures no 4
15. LLBR 2001, Manuel Pédagogique pour l'utilisation des jeux, brochures
16. Tieche, M. 1966. L'Education Portera Ses Fruits. Dammarie-Les-Lys: S.D

# URUHONGORE 2011

Iki gitabo kirimo inyigisho zateguwe mu rwego rwo gufasha Abarimu b'Ishuri ry'Icyumweru mu murimo utoroshye wo kwita ku bana batoya. Byagaragaye ko iyo ushaka kubaka inzu izaramba, ubanza kuyikorera umusingi ukomeye. Kubaka Itorero rero utitaye ku bana bato ni kimwe n'inzu yubatswe itagira urufatiro kuko idashobora kumara igihe kirekire. **URUHONGORE 2011** ruje gufasha no kwibutsa itorero ko rikwiriye kwita ku ishuri ry'icyumweru ry'abana kuko abo ari imbaraga zikomeye muri iki gihe no mu gihe kizaza.